# 105: Ubuntu bw' Imana

1. Ubuntu bw' Imana—Butangaje Ni bwo bwankuyeho—Imigozi.Byavuye se kuki ? Byavuye ku gushaka Kw'Imana yonyine—Yambohoye.

2. Ni Yesu wenyine—Wantoreye Guhirwa mw’ ijuru—Mu bwami bwe. Mwese  nimumenye Yuk’Umukiza wacu Ajy'asanganira—Abaz' i We.

3. S' uko nari mwiza—Haba na mba ! N' ubuntu bwa Yesu— Yangiriye.Yarambabarijwe Kuri wa Musaraba Ndetse yabambanyw —N'abambuzi.

4. Kand' iyo nibutse—Ibya Yesu, Uko yagiriwe—Bamubamba,Binyibuts' ibyaha ; We nta kibi yakoze; Ni jyewe yazize :—N' Umukiza !

5. Ub' icyo nifuza —N'ukuguma Mu Mukiza wanjye,—Mwihishemo. Ni We ngabo yacu Ihor' idukingira Imyambi wa Mubi—Aturasa.

6. Non' Icyo ngusabye,—Mwami Yesu : Ingeso wa Mubi —Yanyanduje Zashaka kubyuka, Zirimbur' uzice pe, Mpore nihariwe—N'ibya Yesu.

7. None, maso yanjye,—Na we matwi, Nawe munwa wanjye,—Mubiri we !Mwese, mushimishe Uwankuye mu ngoyi. Ibyaremwe byose,—Tumushime

Visit us at indirimbo.com